

IBIRO BYA GEREFIYE

Amabwiriza ngenderwaho mu kugena ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we

13 Ugushyingo 2017

Iriburiro

Gerefiye yemeje aya Mabwiriza mu rwego rwo korosha igikorwa cyo kugena mu buryo budahinduka kandi mu mucyo, ingano y'inkunga umuntu wese usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we mu rubanza ruburanishwa na MICT, hakurikijwe ibitenganywa kuva ku Ngingo ya 7 kugera ku ya 10 y'Amabwiriza. Ibiro bya Gerefiye bigendera kuri aya Mabwiriza igithe cyose hasuzumwa niba uregwa bireba adafite ubushobozi buhagije bwo kwhembera avoka hakurikijwe ibiteganywa kuva ku Ngingo ya 7 kugera ku ya 10 y'Amabwiriza.

I. Ibisobanuro by'amagambo

1. Muri aya Mabwiriza, aya magambo asobanura ibikurikira:

Uregwa: Umuntu ushinchwa mu nyandiko y'ibirego yakozwe na TPIR, TPIY cyangwa na MICT hashingiwe ku Ngingo ya 1 ya Sitati.

Usaba ubufasha

mu by'amategeko: Umuntu ukekwaho icyaha, uregwa cyangwa umuntu wahamwe n'icyaha wasabye MICT ubufasha mu by'amategeko.

Inkunga: Inkunga usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we, ni ukuvuga, ingano

y'amafaranga usaba ubufasha mu by'amategeko agomba gutanga nk'inkunga ku gihembo cy'Ubwunganizi bwe.

Uwahamwe n'icyaha: Umuntu wahamijwe icyaha burundu na TPIR, TPIY cyangwa na MICT.

Umuntu utunzwe n'usaba

ubufasha mu by'amategeko: Umuntu utunzwe ahanini n'amafaranga ahabwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko, n'ubo bashakanye cyangwa n'abantu ubusanzwe babana n'Usaba ubufasha mu by'amategeko ariko ubusanzwe uwo muntu akaba adatuye mu nzu y'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko.

Amabwiriza: Amabwiriza yerekeye ishyirwaho ry'abavoka bungaira abaregwa, yatanzwe na Gerefiye ku itariki ya 14 Ugushyingo 2012, hashingiwe ku Ngingo ya 43 y'Amategeko, nk'uko yagiye ahindurwa.

Imitungo ishobora

gukoreshwa: Imitingo n'umusaruro winjizwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'iby'ababana na we Ibiro bya Gerefiye bibona ko, umuntu ashize mu gaciro, birenze ibikenewe n'Usaba ubufasha mu by'amategeko, uwo bashakanye, abo atunze n'abantu ubusanzwe babana na we. Ibiro bya Gerefiye bigena agaciro k'iyo mitungo ishobora gukoreshwa bigendeye ku biteganywa mu Gice cya III cy'aya Mabwiriza.

Ikigereranyo cy'amafaranga

atunga Usaba ubufasha

mu by'amategeko

n'abo babana: Amafaranga ashobora gukenerwa mu gutunga Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana mu gihe kigereranyije Ibiro bya Gerefiye byibwira ko Usaba ubufasha mu by'amategeko azaba akeneye kunganirwa muri MICT. Icyo gihe gitangira kubarwa kuva ku munsi Ibiro

bya Gerefifiye bitangiye icyemezo cyabyo kirebana n'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we. Ayo mafaranga abarwa hashingiwe ku bivugwa mu gika cya 14 cy'aya Mabwiriza.

Amabwiriza: Aya Mabwiriza ngenderwaho mu kugena ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we.

Ababana mu rugo n'Usaba

ubufasha mu by'amategeko: Uwashakanye n'Usaba ubufasha mu by'amategeko, abana be n'abandi bantu basanzwe babana na we mu rugo.

TPIR: Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye mu Rwanda ibikorwa bya jenoside cyangwa ibindi bikorwa binyuranyije bikomeye n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, n'Abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mubihugu bituranye n'u Rwanda, hagati yitariki ya 1 Mutarama 1994 n'iyi 31 Ukuboza 1994, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cyayo cya 955 cyo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994.

TPIY: Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye ibikorwa binyuranyije bikomeye n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara mu cyahoze ari Jugosilaviya guhera mu mwaka wa 1991, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cyayo cya 827 cyo ku itariki ya 25 Gicurasi 1993.

Umutungo w'abashakanye: Umutungo Usaba ubufasha mu by'amategeko n'uwo bashakanye bahashye bamaze gushakana, hatarimo impano buri umwe mu bashakanye yahawe by'umwihariko.

MICT: Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha
Mpuzamahanga, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro
ku Isi mu Cyemezo cyayo cya 1966 cyo ku itariki ya 22
Ukuboza 2010.

**Abantu basanzwe babana
mu rugo n'Usaba ubufasha**

mu by'amategeko: Abantu basanzwe babana n'Usaba ubufasha mu by'amategeko cyangwa bagombaga kuba babana na we iyo aba adafunze kandi akaba yisungana na bo mu byerekeye imari, ni ukuvuga ko hari gihamya y'uko imari y'abo bantu n'iy'Usaba ubufasha mu by'amategeko ikusanyirizwa kandi ikabarirwa hamwe.

Inzu umuryango ubamo: Inzu Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo mu rugo rwe batuyemo, yaba iye bwite cyangwa iy'abo babana kandi ikaba ubusanzwe ari yo Usaba ubufasha mu by'amategeko yari kuba atuyemo iyo aba adafunze.

**Imodoka ikoreshwa
n'umuryango:**

Imodoka ubusanzwe igendamo Usaba ubufasha mu by'amategeko cyangwa n'abantu babana mu rugo, ari we nyirayo cyangwa ari iy'abo babana na we.

**Umutungo ushobora
gukoreshwa:**

Umutungo w'Usaba ubufasha mu by'amategeko cyangwa w'abo babana mu nzu ushobora kugurishwa, gutangwaho ingwate cyangwa gukodeshwa kugira ngo haboneke amafaranga yo kwishyura mu rwego rwo kunganira Usaba ubufasha mu by'amategeko.

Gerefiye: Gerefiye wa MICT washyizweho hashingiwe ku Ngingo ya 15 ya Sitati.

Ibiro bya Gerefiye: Urwego rwa MICT rushinzwe imirimo y'ubutegetsi bwa MICT n'indi itera inkunga Amashami yayo nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 15 ya Sitati, naho muri aya

Mabwiriza ngenderwaho bikavuga abakozi bo mu Biro bya Gerefiye bashinzwe, by'umwihariko, gucunga ibyerekanye n'ubufasha mu by'amategeko.

- Amategeko:** Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso yemejwe na MICT, hashingiwe ku Ngingo ya 13 ya Sitati, ku itariki ya 8 Kamena 2012, nk'uko yagiye ahindurwa.
- Uwo bashakanye:** Umuntu wujuje imyaka y'ubukure ubana n'Usaba ubufasha mu by'amategeko nk'umugabo cyangwa umugore, hatitaweho uko babanye mu rwego rw'amategeko.
- Sitati:** Sitati ya MICT yometse ku Cyemezo cya 1966 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010, nk'uko yagiye ihindurwa.
- Ukekwaho icyaha:** Umuntu MICT yibwira, hashingiye ku mpamvu ishyize mu gaciro, ko yakoze icyaha, giteganywa n'Iningo ya 1 ya Sitati, MICT ifite ububasha bwo gukurikirana.
- Ibikoresho by'umwuga:** Ibikoresho cyangwa ibindi bintu bikenerwa mu mwuga, mu kazi cyangwa mu bucuruzi.
- UNDF:** Gereza y'Umuryango w'Abibumbye iri Arusha, Tanzaniya.
- UNDU:** Gereza y'Umuryango w'Abibumbye iri i Lahe, mu Buholand.
- Muri aya Mabwiriza, amagambo akoreshwa nta gutandukanya igitsina gabon'igitsina gore.

II. Ingingo rusange

2. Iyo Usaba ubufasha mu by'amategeko atanze fomu y'imenyeshamutungu hashingiwe ku Ngingo ya 7(B) y'Amabwiriza, Ibiro bya Gerefiye bigenzura amafaranga yinjizwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana hamwe n'imitungo yabo. Ibiro bya Gerefiye bikora iryo genzura bishingiye kuri fomu y'imenyeshamutungu yuzuzwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko, itangwa hamwe n'Icyifuzo gisaba kugenerwa avoka kandi bishobora gukora iperereza kugira ngo bimenye ingano y'imitungo y'Usaba ubufasha mu by'amategeko, hashingiwe ku Ngingo ya 9 y'Amabwiriza.
3. Bihereye ku mitungo n'amafaranga yinjizwa byagaragajwe, Ibiro bya Gerifiye bigena agaciro k'umutungo w'Usaba ubufasha mu by'amategeko ushobora gukoreshwa, hakurikijwe ibiteganywa mu Cyiciro cya III cy'aya Mabwiriza. Muri uwo mutungo ushobora gukoreshwa, Ibiro bya Gerefiye biggereranya ingano y'amafaranga agomba gutunga umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abandi bantu atunze mu gihe cyitezwemo ko Usaba ubufasha mu by'amategeko agomba gukenera kunganirwa muri MICT. Amafaranga asigara ni yo nkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko agomba gutanga mu gikorwa cyo kumushakira umwunganira.
4. Iyo Ukekwaho icyaha atanze fomu y'imenyekanishamutungo we hashingiwe ku Ngingo ya 7(B) y'Amabwiriza, Ibiro bya Gerefiye bigena, rugikubita, ingano y'umutungo w'Ukekwaho icyaha. Iyo Ukekwaho icyaha akorewe inyandiko y'ibirego na MICT ku mugaragaro, Ibiro bya Gerefiye bishobora kunoza ibyari byemejwe mu ikubitiro hashingiwe ku bivuye mu igenzura ry'inyongera ryose ryakorwa ku birebana n'umutungo we hakurikijwe ibiteganywa mu Ngingo ya 9 y'Amabwiriza.
5. Hashingiwe ku Ngingo ya 8 y'Amabwiriza, Usaba ubufasha mu by'amategeko afite inshingano yo kugaragaza gihama ko adafite ubushobozi bwo kwihembera avoka umwunganira. Usaba ubufasha mu by'amategeko agomba kugaragaza, yifashishije ibimenyetso simusiga byizewe, ko adafite ubushobozi na mba cyangwa buhagije bwo kwihembera avoka.
6. Aya Mabwiriza ngenderwaho ntagamije gushyiraho uburenganzira ubwo ari bwo bwose cyangwa ibyo abantu bagenerwa birenze ibiteganywa n'Ingingo ya 19 ya Sitati, kandi ntabangamira Amategeko n'Amabwiriza. Iyo habaye igongana ry'amategeko, ibiteganywa na Sitati, Amategeko cyangwa Amabwiriza ni byo bikurikizwa.

7. Iyo TPIR cyangwa TPIY yemeje imiterere y'umutungo w'Uregwa, MICT yemera icyo cyemezo, keretse iyo habonetse amakuru mashya, agaragaza ko Uregwa afite uburyo buhagije bwo kwhembera avoka cyangwa iyo Umucamanza atanze itegeko risaba Ibiro bya Gerefiye kwemeza cyangwa kugenzura icyemezo cyatanzwe mbere ku birebana no kumenya niba afite cyangwa adafite ubushobozi bwo kwhembera avoka.

III. Imitungo Ishobora gukoreshwa

A. Ibantu bishyirwa mu mitungo ishobora gukoreshwa

8. Uretse ibiteganywa mu Ngingo ya 10 y'Amabwiriza, ibantu bikurikira biri mu birebwa n'Ibiro bya Gerefiye iyo bisuzuma imitungo y'Usaba ubufasha mu by'amategeko ishobora gukoreshwa:

- Agaciro k'inzu Usaba ubufasha mu by'amategeko abanamo n'umuryango karenze ibyo bakeneye bishyize mu gaciro. Bivugwa ko agaciro k'inzu Usaba ubufasha abanamo n'umuryango we karenze ibyo bakeneye bishyize mu gaciro, iyo ako gaciro gasumba agahabwa inzu y'umuryango iciriritse iri mu karere kamwe n'iyo nzu y'usaba ubufasha. Ibiro bya Gerefiye byemeza agaciro k'inzu Usaba ubufasha abanamo n'umuryango we karenze ibyo bakeneye bishyize mu gaciro, hakurikijwe uburyo buvugwa mu gika cya 13;
- Agaciro k'ibikoresho biri mu nzu Usaba ubufasha n'umuryango we babamo kandi bitunzwe n'Usaba ubufasha cyangwa n'abo mu rugo rwe, karenze ibyo bakeneye bishyize mu gaciro. Ibikoresho biri mu nzu Usaba ubufasha n'umuryango babamo, bifatwa ko bifite agaciro karenze ibyo bakeneye bishyize mu gaciro, iyo ibyo bikoresho ari ibantu bitari iby'ibanze bifite agaciro kadasanzwe, birimo umutungo ugizwe n'ibikorwa by'ubugeni n'ibihangano biranga amateka ya kera;
- Agaciro k'imodoka cyangwa k'amamodoka akoreshwa n'umuryango karenze ibyo usaba ubufasha n'ababa mu rugo bakeneye mu buryo bushyize mu gaciro. Imodoka cyangwa amamodoka akoreshwa n'Usaba ubufasha n'abo mu muryango we afatwa nk'arengeje agaciro k'ibyo bakeneye bishyize mu gaciro iyo agaciro k'ayo mamodoka, gafatiwe hamwe, gasumba agaciro k'imodoka iciriritse mu gihugu umuryango w'Usaba ubufasha ubamo. Kugira ngo Ibiro bya Gerefiye bimenye agaciro k'imodoka iciriritse mu gihugu umuryango w'Usaba ubufasha ubamo, bishingira ku makuru yizewe atanze n'urwego rwa guverinoma rurebwa n'icyo

kibazo cyangwa n'ikigo bireba kibifitiye ububasha (ikigo cy'ubwishingizi, sosiyete yemewe igurisha amamodoka);

- Agaciro k'imigabane, impapuro mpeshamwenda cyangwa amakonte ya banki by'Usaba ubufasha cyangwa by'abo babana, birimo na konte y'Usaba ubufasha mu by'amategeko iri muri UNDF, UNDU cyangwa gereza Usaba ubufasha arimo kurangirizamo igihano cye, hakuwemo amafaranga agenerwa Umuryango w'Abibumbye umushyirira kuri iyo konte ye;
- Agaciro k'indi mitungo yose, itavugwa mu gika cya 9, y'Usaba ubufasha mu by'amategeko ubwe cyangwa y'ababa mu rugo rwe; na
- Imitungo yose yari itunzwe n'Usaba ubufasha mu by'amategeko cyangwa n'abo babana, harimo iyavuzwe haruguru, iyo Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana bahaye cyangwa bimuriye inyungu bafite muri iyo mitungo ku wundi muntu hagamijwe guhungisha cyangwa guhisha iyo mitungo.

B. Imitungo idashobora gukoreshwa

9. Mu kugena imitungo y'Usaba ubufasha mu by'amategeko ishobora gukoreshwa, Ibiro bya Gerefiye bikuramo ibikurikira:

- Agaciro k'inzu Usaba ubufasha mu by'amategeko n'umuryango we babamo iyo, mu buryo bushyize mu gaciro, bigaragara kobakeneye iyo nzu;
- Agaciro k'ibikoresho biri mu nzu Usaba ubufasha n'umuryango we babamo kandi bikaba ari umutungo w'Usaba ubufasha cyangwa w'ababa mu rugo rwe iyo, mu buryo bushyize mu gaciro, bigaragara ko bakeneye ibyo bikoresho;
- Agaciro k'imodoka Usaba ubufasha n'umuryango we bakoresha ubusanze iyo mu buryo bushyize mu gaciro, bigaragara ko uwo umuryango ukeneye iyo modoka;
- Agaciro k'imitungo y'Usaba ubufasha cyangwa y'abo babana idashobora guhita ikoreshwa, bidaturutse ku Usaba ubufasha kandi akaba ashobora gutanga gihamya y'uko we cyangwa ababa mu rugo rwe bakoze ibishoboka byose bishyize mu gaciro kugira ngo iyo mitungo ishobore kuba yakoreshw;
- Imitungo y'uwashakanye n'Usaba ubufasha itabarirwa mu mitungo abashakanye bafatanyije, harimo n'imitungo ivugwa mu gika cya 8. Ibiro bya Gerefiye byemeza niba imitungo ari iy'abashakanye hashingiwe ku mategeko agenga imitungo y'abashakanye mu gihugu Usaba ubufasha mu by'amategeko n'uwo bashakanye

bashyingiriwemo cyangwa babamo, uretse iyo hagaragajwe icyemezo cy'uko iyo mitungo itari iy'abo bashakanye bombi cyangwa ko batayisangiye; na

- Agaciro k'ibikoresho by'umwuga by'Usaba ubufasha cyangwa by'ababana na we mu rugo bikaba ari ibintu, umuntu ashize mu gaciro, bakeneye mu mibereho yabo.

C. Amafaranga yinjizwa abarirwa mu mitungo ishobora gukoreshwa

10. Mu kugena imitungo y'Usaba ubufasha ishobora gukoreshwa, ibiro bya Gerefiye bizirikana ko Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo mu rugo rwe bazakomeza kwinjiza ayo mafaranga kuva igihe Ibiro bya Gerefiye bitangiye icyemezo cyabyo kirebana n'ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we, kugera igihe Ibiro bya Gerefiye biggereranya ko Usaba ubufasha mu by'amategeko azaba akeneye kunganirwa muri MICT mu cyiciro mbanzirizarubanza, mu rubanza mu rw'iremezo, mu bujurire cyangwa nyuma yo guhamwa n'icyaha burundi.
11. Mu kugena imitungo y'Usaba ubufasha mu by'amategeko ishobora gukoreshwa, Ibiro bya Gerefiye bibariramo amafaranga yinjizwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko ndetse n'abo babana mu buryo bukurikira:
 - imishahara, ibihembo n'amakomisiyo;
 - amafaranga akomotse ku mirimo y'ubucuruzi hamaze kuvanwamo amafaranga yo kwikenuza ashize mu gaciro;
 - amafaranga y'inyungu ikomoka ku gishoro;
 - amafaranga ya pansiyo atangwa na guverinoma;
 - andi mafaranga atangwa na guverinoma atari ayo gufasha mu rwego rw'imibereho myiza;
 - indishyi zihabwa abakozi;
 - amafaranga Usaba ubufasha mu by'amategeko ahabwa n'uwo bashakanye batandukanye n'andi yose abona yo kumutunga akomotse ku gutandukana n'uwo bashakanye;
 - amafaranga yose Usaba ubufasha mu by'amategeko yishyurwa buri mwaka, aya pansiyo cyangwa aturuka ku bwishingizi;
 - amafaranga Usaba ubufasha mu by'amategeko yishyurwa aturutse ku ngwate, ku masezerano y'ubuguzi cyangwa ay'inguzanyo; na
 - ubundi bwoko bwose bw'amafaranga ahora yinjizwa butari mu bubujijwe mu gika

cya 12.

D. Amafaranga yinjizwa adashobora gukoreshwa

12. Mu kugena imitungo y'Usaba ubufasha mu by'amategeko ishobora gukoreshwa, Ibiro bya Gerefiye ntibibariramo amafaranga akurikira yinjizwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'ababana na we:
- amafaranga bahabwa na guverinoma mu rwego rw'imibereho myiza yabo;
 - amafaranga yinjizwa n'umwana cyangwa n'abana b'Usaba ubufasha mu by'amategeko iyo bafite imyaka y'ubukure iri munsi ya 18; cyangwa
 - amafaranga Usaba ubufasha mu by'amategeko ahabwa n'uwo bashakanye batandukanye n'andi yose abona yo kumutunga akomotse ku gutandukana n'uwo bashakanye.

IV. Uburyo bwo kubara amafaranga Usaba ubufasha mu by'amategeko agomba kwishyura

A. Uburyo bwo kumenya ikigero inzu ituwemo n'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko isumbya agaciro inzu iciriritse y'umuryango muri rusange

13. Bishingiye ku mibare iturutse muri guverinoma y'igihugu inzu umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko irimo cyangwa, bidashobotse, ku makuru aturutse ku muryango cyangwa ikigo byizewe by'igihugu cyangwa mpuzamahanga¹, Ibiro bya Gerifiye bikoresha uburyo bukurikira kugira ngo bimenye ikigero inzu ituwemo n'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko irenze iyo we n'ababana na we bakeneye:

$$\frac{(\mathbf{V} \times \mathbf{LSE}) - \mathbf{EN}}{\mathbf{LS}} = \mathbf{E}$$

Aho-

V isobanura agaciro Ibiro bya Gerefiye byahaye inzu ituwemo n'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko;

¹ Nka Banki y'Isi, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa cyangwa Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima.

LS isobanura, muri metero kare, igice cy'inzu gikoreshwa n'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko;

EN isobanura ingwate zose zatanzweho iyo nzu ituwemo n'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko;

E isobanura agaciro k'inzu ituwemo n'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko karenga ku bikenewe bishyize mu gaciro bikoreshwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana. Iyo uwo mubare uri hejuru ya zero, wongerwa mu mutungo w'Usaba ubufasha mu by'amategeko ushobora gukoreshwa hashingiwe ku Ngingo ya 8; na

LSE isobanura umwanya ukoreshwa n'umuryango uba muri iyo nzu urenze umwanya uciriritse ukenewe ku mubare w'abantu ubusanzwe baba mu nzu y'umuryango mu gihugu iyo nzu y'Usaba ubufasha mu by'amategeko iherereyemo, hashingiwe ku mibare yizewe yakusanyijwe n'Ibiro bya Gerefiye. Uburyo bukurikira bukoreshwa mu kubara LSE:

$$\mathbf{LS} - (\mathbf{ALS} \times \mathbf{M}) = \mathbf{LSE}$$

Aho-

ALS isobanura umubare uciriritse wa metero kare zo kubamo zikenewe kuri buri muntu mu gihugu inzu y'umuryango w'Usaba ubufasha mu by'amategeko iherereyemo, watanzwe na guverinoma y'icyo gihugu cyangwa, bitaba ibyo, n'umuryango cyangwa ikigo byizewe by'ighugu cyangwa mpuzamahanga²; na

M isobanura umubare w'abantu ubusanzwe baba muri iyo nzu y'umuryango, barimo Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana mu rugo.

B. Uburyo bwo kubara ikigereranyo cy'amafaranga atunga Usaba ubufasha mu by'amategeko n'ababa mu rugo rwe

14. Ibiro bya Gerefiye bikoresha uburyo bukurikira kugira ngo bubare ikigereranyo cy'amafaranga atunga Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana:

$$\frac{[\mathbf{AE} \times (\mathbf{M} + \mathbf{D}) + \mathbf{EE}] \times \mathbf{T}}{4} = \mathbf{ELE}$$

Aho-

² Ni kimwe no haruguru.

AE isobanura umubare w'amarafaranga uciriritse akoreshwa n'umuryango w'abantu bane, watanzwe na guverinoma y'igihugu Usaba ubufasha mu by'amategeko afitemo inzu abamo cyangwa bitaba ibyo, watanzwe n'umuryango cyangwa ikigo byizewe by'igihugu cyangwa mpuzamahanga³. Ayo mafaranga arimo ayo batanga ku nzu babamo n'ayo kugura ibyo bakenera mu buzima bwa buri munsi;

EE isobanura umubare w'amarafaranga y'innyongera akoreshwa buri kwezi n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'ababa mu rugo rwe. Amafaranga y'innyongera ni amafaranga akoreshwa by'umwihariko n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana, bityo akaba adateganywa muri AE nk'uko bisobanuye haruguru. Amafaranga y'innyongera yo gukoresha ashobora kuba arimo amafaranga y'ishuri n'atangwa mu kwivuza indwara zikenewe kwitabwaho ku buryo budasanzwe;

M isobanura umubare w'abantu ubusanzwe baba mu nzu y'umuryango, harimo Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana;

D isobanura abantu batunzwe n'Usaba ubufasha mu by'amategeko ubusanzwe bakaba bataba muri iyo nzu y'umuryango;

T isobanura igihe gitangirira kuva ku munsi Ibiro bya Gerefiye bitangiye icyemezo cyabyo kirebana n'ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we, kugera ubwo Ibiro bya Gerefiye biggereranya ko Usaba ubufasha mu by'amategeko azaba atagikeneye kunganirwa muri MICT mu cyiciro mbanzirizarubanza, mu rubanza mu rw'iremezo, mu bujurire cyangwa nyuma yo guhamwa n'icyaha burundi; na

ELE isobanura umubare ucishirije w'amarafaranga akoreshwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana, guhera igihe Ibiro bitangiye icyemezo cyabyo kirebana n'ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we, kugera igihe Ibiro bya Gerefiye biggereranya ko Usaba ubufasha mu by'amategeko azaba atagikeneye kunganirwa muri MICT mu cyiciro mbanzirizarubanza, mu rubanza mu rw'iremezo, mu bujurire cyangwa nyuma yo guhamwa n'icyaha burundi.

³ Ni kimwe no haruguru.

C. Uburyo bwo kubara ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we

15. Ibiro bya Gerefiye bikoresha uburyo bukurikira kugira ngo bumenye ingano y'inkunga Usaba ubufasha mu by'amategeko ashobora gutanga mu guhemba avoka we:

$$\mathbf{DM} - \mathbf{ELE} = \mathbf{C}$$

Aho-

DM isobanura umutungo w'Usaba ubufasha mu by'amategeko ushobora gukoreshwa nk'uko wabazwe hakurikijwe ibiteganywa mu Cyciro cya III;

ELE isobanura ikigereranyo cy'amafaranga akoreshwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko n'abo babana, nk'uko yabazwe hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 14; na

C isobanura inkunga igomba gutangwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko mu rwego rwo guhemba abamwunganira mu rubanza.

V. Kuvana inkunga y'Usaba ubufasha mu by'amategeko mu mfashanyo agenerwa

16. Ibiro bya Gerefiye bivana inkunga y'Usaba imfashanyo mu mafaranga y'ubufasha mu by'amategeko agenerwa ikiye ye y'ubwunganizi. Iyo nkunga ibarwa hashingiwe mu bivugwa mu gika cya 16.

VI. Ingingo zisoza

17. Ibiro bya Gerefiye bibika mu ibanga inyandiko zose zitangwa n'Usaba ubufasha mu by'amategeko hakurikijwe aya Mabwiriza ngenderwaho, hubahirizwa urwego rw'umutekano zashyizwemo.
18. Ikibazo cyose kivutse mu ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza gikemurwa hakurikijwe ibivugwa mu Ngingo ya 13 y' Amabwiriza yerekeye ishyirwaho ry'abavoka bunganira abaregwa.